△2 Promotione Culturel 28

INAMA KUBYEREKEREYE UMURANGE GAKONDO

1998

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUREZI**
**B.P. 622 KIGALI**
**FAX : (250) 8 2162.**

**INYANDIKO-NYIBUTSA IJYANYE N'INAMA MPUZAMAHANGA YATEGUWE N'UMURYANGO W'ABIBUMBYE WITA KU UBUREZI, UBUHANGA N'UMUCO (UNESCO), UFATANYIJE NA KAMINUZA Y'I MELBOURNE (OSITARALIYA) KU BYEREKEYE UMURAGE GAKONDO (PATRIMOINE CULTUREL) IZABERA MELBOURNE KUVA KU YA 4 KUGEZA KU YA 9 UKWAKIRA 1998.**

---

## 1 . UKO UBUTUMWA BUTEYE

U Rwanda ni kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Abibumbye wita k'Uburezi,Ubuhanga n'Umuco. Ni muri urwo rwego uwo muryango ufatanyije na Kaminuza y'i Melbourne byatumiye igihugu cyacu mu nama izabera i Melbourne muri Ositaraliya ku byerekeye gucunga no kurengera umurage gakondo (Protection et mise en valeur du Patrimoine culturel).

Iyo nama yo mu rwego rw'Umuryango w'Abibumbye wita ku uburezi,Ubuhanga n'Umuco-Kaminuza n'Umurage (Forum-Unesco/Université et Patrimoine) yihaye intego zikurikira:

-Gukusanya mu rwego rw'igihugu ndetse no mu rwego mpuzamahanga ubushobozi kugira ngo umurage gakondo urindwe neza kandi ugirire abaturage akamaro.
-Gushishikariza urubyiruko kwita ku umurage gakondo;
-Gushyiraho ubumwe buhuriyeho n'inzego zirebwa n'umurage gakondo mu rwego rw'ibihugu bituriye akarere kamwe cyangwa se mu rwego mpuzamahanga ku byerekeye umurage gakondo.
-guteza imbere ubutwererane hagati y'inzego zishinzwe umurage gakondo na za kaminuza mu guhererekanya ubumenyi-ngiro ku byerekeye umurage gakondo.

Iyo nama mpuzamahanga izashakirwamo uburyo habarurwa inzibutso (monuments), site(sites) n'ingoro ndangamurage (musées) kuko ariho hantu habikirwa ibijyanye n'umurage gakondo.

Urubyaro ruriho ubu rwarazwe n'abakurambere umurage ufatika n'udafatika (patrimoine matériel et patrimoine immatériel).Uwo murage gakondo niwo kenshi uranga umuco gakondo w'abantu. Ni muri urwo rwego mu ngamba Umuryango w'abibumbye wita ku Uburezi , Ubuhanga n'umuco wiyemeje, n'uko haba ubufatanye nyabwo hagati y'inzego zishinzwe umurage gakondo, ibigo ndangamurage, za Kaminuza n'ibindi bigo mpuzamahanga byita ku umurage gakondo nka (ICCROM, ICOM, ICOMOS...) kugira ngo umurage gakondo (patrimoine culturel)urusheho kwitabwaho kandi ubungabungwe.

## 2. <u>ICYO IYO NAMA IMARIYE U RWANDA</u>

Mu Rwanda, ibyerekeye umurage gakondo birebwa na Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, agashami kita k'umurage gakondo (Patrimoine Culturel) n'Ingoro Ndangamurage y'u Rwanda (Musée National du Rwanda).

Mu gihe cy'intambara yagwiriye igihugu cyacu muri 1994, umurage gakondo kimwe n'ibindi byiza bitatse u Rwanda twarazwe n'abakurambere byarangijwe ndetse ibindi birasenywa. Ni muri urwo rwego, iyo nama y'i Melbourne, izadufasha mu gusana umurage gakondo dore ndetse ko mu ngamba za vuba Umuryango w'Abibumbye wita k'Uburezi, Ubuhanga n'Umuco (Agashami kawo gashinzwe umurage gakondo) wafashe n'uko umurage gakondo wabungabungwa kandi ukitabwaho by'umwihariko kugira ngo abantu bagumane ibyo barazwe n'abakurambere.

Iyo nama izatugirira akamaro muburyo abashinzwe iyo mirimo bazigiriyo ukuntu ayandi mahanga abangabunga ibyo barazwe n'abakurambere babo kuko muri iyo nama n'ubundi abayirimo bazerekwa ibyiza gakondo byaho babwirwe uburyo icyo gihugu cyagenjeje ubwo byari bigiye kubacikana nyamara barabiramira, barabibungabunga.

Iyo nama izafasha abakozi bashinzwe kubungabunga umurage gakondo muburyo inyigisho bazakurayo zizabafasha kurengera umurage gakondo nyarwanda urimo kugenda uducika.

Ingamba zizafatirwa muri iyo nama mpuzamahanga y'i Melbourne twareba ubuyo tuzikurikiza kugira ngo byinshi twarazwe kandi biducika tugerageze kubiramira.